REPUBLIKA Y'WANDA

MINISITERI Y'UBUCURUZI N'INGANDA
B.P 73 KIGALI

ITANGAZO

Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda ifatanyije n'Uruganda rukora sima rwa CIMERWA, baramenyesha abacuruzi ba sima, abaguzi bayo n'Abanyarwanda muri rusange ko Uruganda rwa CIMERWA ruri gukora imirimo yo kuvugurura zimwe mu mashini z'Uruganda Iyo mirimo ikaba iteganyijwe kuzarangira kuwa 20 Mata 2018. Kubera iyo mirimo yavuzwe haruguru, ingano ya sima isohoka mu ruganda buri munsi yaragabanutse bituma iba nkeya ku isoko.

Kubera izo mpamvu, Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda ifatanyije na CIMERWA, baramenyesha abacuruzi ba sima, n'abaguzi bayo ko **ikiguzi cya sima ku ruganda kitigeze gihinduka**, bikaba nta mpamvu rero yatuma abacuruza sima bazamura ibiciro byayo.

Tuboneyeho kandi kubibutsa ko ibiciro bya sima bikomeje kuguma uko CIMERWA yabigennye mu buryo bukurikira:

Ubwoko bwa sima	**Igiciro cya sima ku badandaza (ku mufuka)**
Sima nimero ya mbere (42.5 N)	9,800 Rwf - 10,000 Rwf
Sima nimero ya kabiri (32.5 N)	8,500 Rwf - 8,700 Rwf

Umuguzi wese uzagurishwa sima ya CIMERWA ku biciro birenze ibyavuzwe haruguru, turamusaba ko azaduhamagara ku mirongo ya telefoni itishyurwa ya 3739 cyangwa 3222.

Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda iboneyeho kwibutsa abantu bose ko hashingiwe ku ngingo ya 27 y'itegeko n° 15/2001 ritunganya Ubucuruzi bw'Imbere mu Gihugu, uzafatwa anyuranya n'ibyavuzwe haruguru, azahanishwa amande ari hagati y'ibihumbi makumyabiri (20,000 Frw) na miliyoni ebyiri (2,000,000 Frw) z'amafaranga y'u Rwanda, hakurikijwe uburemere bwicyaha.

Bikorewe i Kigali ku wa 28 Werurwe 2018

CIMERWA Ltd CIMERWA P.O Box 644 KIGALI CEO OFFICE

BHEKIZITHA W. Mthembu
Umuyobozi Mukuru wa CIMERWA

MINISTRY OF TRADE AND INDUSTRY

MUNYESHYAKA Vincent
Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda